RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

# ITANGAZO

## Amabwiriza agenga ibikorwa by'bucuruzi bujyanye n'ubukerarugendo no kwakira abantu mu gihe cy'Irushanwa mpuzamahanga ry'umukino wo gusiganwa ku magare rya 2025 rizabera mu Rwanda (UCI Road World Championships)

U Rwanda rwishimiye kwakira abakinnyi, abafana n'abashyitsi baturutse imihanda yose y'Isi mu Irushanwa mpuzamahanga ry'umukino wo gusiganwa ku magare rya 2025. Mu rwego rwo gushyigikira iri rushanwa no gucunga neza impinduka zishobora kugaragara mu mikoreshereze y'imihanda, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB), ku bufatanye n'inzego zibifite mu nshingano, rwashyizeho ingamba z'agateganyo zizagenga ibikorwa by'ubucuruzi guhera ku wa **19 kugeza ku wa 28 Nzeri 2025**.

### AMASAHA Y'AKAZI

1. Amaduka, ibigo by' ubucuruzi bunyuranye, resitora, utubari n'utubyiniro bizemererwa gukora kugeza **saa kumi** za mu gitondo (4:00 am) muri iki gihe.

### ISHYIRWA MU BIKORWA

1. Amabwiriza asanzwe akurikizwa, arimo ayo kugabanya urusaku no kudatanga cyangwa kutanywa inzoga ku bantu bari munsi y'imyaka 18, aracyariho kandi agomba kubahirizwa.
2. RDB iributsa abakiriya bose ko bakwiye kunywa mu rugero kandi bakareka gutwara ibinyabiziga basinze. Inzoga ntizigomba gutangwa ku muntu ugaragara ko yasinze.
3. RDB, ku bufatanye n'izindi nzego za Leta zibishinzwe, izagenzura ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza. Abatazayubahiriza bazabibazwa hakurikijwe amategeko.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 19 Nzeri 2025**